Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

UBUHINZI BW'AMASHU

GUFUMBIRA		IBIPIMO BY'IFUMBIRE	IKORESHWA RYARI ?	IKORESHWA GUTE ?
Niba ubutaka busharira, shyiramo ishwagara		Koresha ibiro 30 by'ishwagara inoze kandi yumutse kuri Ari imwe buri myaka ibiri	Nibura ibyumweru bine mbere yo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka
Ifumbire y'imborera		Koresha ibiro 100 by'ifumbire = udutebo tune (4) twuzuye ifumbire cg ingorofani 2 kuri Ari 1	Igihe cyo gutera	Yinyanyagize mu murima uhite urenzaho igitaka mu gihe usanza cyangwa uyishyire mu kobo ugemuriramo
Ifumbire mvaruganda		Koresha ibiro 3 bya NPK 17-17-17 kuri Ari 1	Mu igemura	Mu kobo ugemuriramo

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST

<u>Icyitonderwa</u>. : Ibipimo bishobora guhinduka. Iby'ishwagara bitewe n'uburyo inoze, ubuherere bwayo n'ikigero cy'ubusharire bw'ubutaka. Iby'ifumbire y'imborera n'imvaruganda bitewe n'uko ubutaka bwarumbukaga. Tera kuri cm 60 hagati y'imirongo na cm 60 hagati y'ingemwe.

Ifishi y'iyamamazabuhinzi yateguriwe abahinzi

INDWARA N'IBYONNYI BY'INGENZI

INDWARA	IBIZIRANGA	UKO BAZIRINDA	UKO BAZIVURA	IBIPIMO BIKORESHWA
Kubyimba kw'imizi		- Simburanya neza imyaka mu murima : amashu ntasimbura mu murima salade (Laitue), radi (Radis) cyangwa amashu. - Randura amashu yafashwe agatabwa mu cyobo.	Umuti wica uduhumyo : Mankozebe (Mancozèbe)	Vanga garama 10 z'umuti muri litiro 10 z'amazi utere Ari 1
Ubuhunduguru		- Randura amashu yafashwe agatabwa hanze y'umurima ; - Toragura ibisigazwa by'amashu mu murima nyuma yo gutera.	Umuti wica udukoko : Siperimetirine (Cyperméthrine)	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere ari 1 kandi inshuro 2 kugeza yeze.
			Cyangwa Desisi (Décis) 25 EC (Deltaméthrine)	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere ari 1 inshuro 2 kugeza kura yeze.
			Cyangwa Dimetowate (Diméthoate) 40 EC	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utera Ari 1. Irinde gutera uyu muti iminsi 7 mbere yo gusarura.
Utunyabwoya turya amababi		- Tema ibyatsi n'ibihuru byegereye umurima.	Umuti wica udukoko : Malatsiyo (Malathion) 500 EC	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utera ari 1. Irinde gutera uyu muti iminsi 7 mbere yo gusarura.
			Durisiba (Dursiban) 4 EC	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere ari 1, inshuro 2 kugeza yeze.
Ikungeri		- Randura amashu yafashwe agatabwa mu cyobo ; - Wishyira pepiniyeri mu gicucu, hafite ubuhehere bukabije.	Umuti wica udukoko : Dimetowate (Diméthoate) 40 EC	Vanga ml 10 z'umuti (udufuniko 2 tw'icupa rya Fanta) muri litiro 10 z'amazi, utere ari 1. Utera ari uko indwara yigaragaje mu murima.

Ari 1 = m 10 x m 10

IFDC CATALIST